# 79: Kubw' Umwami Yesu

1.
Kubw' Umwami Yesu, turanezerewe. Kubw' ubuntu bw'Umwuremyi Duhaw' uyu munsi.

Ref:
Mwami Yesu shirnwa! Mwami Yesu shimwa! Mwami turagushimira Wuzuy' urukundo.

2.
Wavukiye mw ijuru, uza mur' iyi si. Waratuvukiye Mwami Mu nda ya Mariya.

3.
Wahinduts' umuntu.arik'ur'Imana. Wavukiye mu nzu y'inka N'igitangaza pe!

4.
Na ba maraika baranezereweKuk' Umwan' atuvukiye Aje mu mbaraga.

5.
Na ba banyabwenge babony'inyenyeri, Ni yo yabamenyesheje Yuk' Umwam' avutse.

6.
Herode yashatse kwic' Umwana Yesu. Arikw Iman' ihoraho Yarinz' uwo Mwana.

7.
Mwami wacu, Yesu, ufit' ububasha, Kuko watsinze n'urupfu Urw' ari rwo rwose.

8.
Mwami wacu, Yesu, natw' uraturinde. Ni wowe rukundo koko Utwifashirize.

9.
Shimwa Yesu Kristo, ko waje muri twe. Watubabariy' ibyaha Utumar' ubwoba.

10.
Shimwa Mana yacu, wohereje Yesu. Kuvukira mur' iyi si Adukiz' ibyaha.

Visit us at indirimbo.com